**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

KIGALI, 14/09/2020

N° 1082/08.25/TA/AJD

FOR RECEPTION
BY PBA
Date 14.09.2020
Signature
Name

Birihutirwa cyane!

Honoré (IT)

Menyesha Bailiffs bose ku mbuga zose dukoresha no kuri Website.
14/09/2020

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga
Tel : 0788306975/0738306975
**<u>KIGALI</u>**

**<u>Impamvu</u>**: Ibaruwa yanyu igisha inama

Bwana,

Mpereye ku ibaruwa Ref. N° 249/PBA/2020 yo ku wa 01/09/2020 wanyandikiye ugisha inama ku irangizwa ry'inyandikompesha hakoreshejwe ikoranabuhanga, aho ugaragaza ko hari inyandikompesha zimwe zirangizwa hakoreshejwe ikoranabuhanga naho izindi zikaba zirangizwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga, bikaba biteza urujijo mu gihe cya cyamunara;

Nshingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 05/MOJ/AG/20 ryo ku wa 12/05/2020 ryerekeye irangizwa ry'inyandikompesha hakoreshejwe ikoranabuhanga, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 10 iteganya ko *Inyandikompesha zatangiye kurangizwa mbere y'uko iri teka ritangazwa, zikomeza kurangizwa hadakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu kurangiza inyandikompesha* n'iya 12 iteganya ko *iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda*;

Ndakumenyesha ko, kuva aho iryo teka ryatangarijwe ku wa 12/05/2020, abatangiye imihango y'irangizarubanza badakoresheje uburyo bw'ikoranbuhanga batubahirije amategeko, bakaba bagomba kubikosora bakarangiriza izo manza mu ikoranabuhanga ryabigenewe.

Mboneyeho kandi gusaba ko, kubera ibyiza by'irangiza ry'imanza hakoreshejwe ikoranabuhanga, n'abari baratangiye kuzirangiza Iteka ritaratangazwa ariko bakaba batarasoza, imihango bayihagarika bakazirangiza mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Ugire amahoro.

Digitally signed by MINIJUST (MINISTER)
Date: 2020.09.14 09:02:52 -07'00'

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta